

NSENGIYAREMYE Thaddée  
C/O ORINFOR(LA Relève)  
Tél.6950-5724

Kigali, le 28 Février 1985

A traiter par .....  
Date entrée: 20/3/85  
N° Classement: 2626/11.01.01

*DCSL*  
*de voir*  
*analyse critique*  
*(photos prises)*  
*ce document*

Monsieur le Ministre de la Jeunesse et du  
Mouvement Coopératif  
KIGALI.

OBJET: Soumission d'un  
travail sur des jeux  
pour son évaluation

Monsieur le Minstre,

Suite à ma lettre vous adressée au mois de novembre  
1984 et à deux entretiens qui s'en sont suivis, j'ai l'honneur et le plaisir  
de vous soumettre le présent opuscule comprenant les lois d'une quarantaine  
de jeux.

Au cas où ce travail s'avère d'une certaine valeur,  
j'ose espérer, Excellence Monsieur le Ministre, que votre Département  
pensera aux voies et moyens de le rendre public.

Je vous en souhaite bonne réception et vous  
exprime, Excellence monsieur le Ministre, l'expression de mes sentiments de  
reconnaissance et de ma très haute considération.

NSENGIYAREMYE Thaddée

*(Signature)*

NTA R U N G U :

IMIKINO 40 YO KWIDAGADURA

Rubyiruko rw'u Rwanda, aka gatabo kabe cyane cyane akanyu,  
nk'uko uyu mwaka w'1985 ali uwanyu ku isi yose.

x=x=x=x=x=x=x=x=x=x=x

INTANGILIRO

"Nyuma y'imilimo twidagadure, twiyereze....."

Ili jambe si iligutegeka, ahubwo larakugira inama

-Umvandimwe aze kugusura yahamara akanya mukanyarukira mu kabali "kubitsa" yo udufaranga twanyu ugasanga irungu lirenda kubica.

-Abantu benshi kuli kenji cyangwa nimugereba nyuma y'akazi bibaza niba buze kwira kubera kubura ibibarangaza.

-Umwana nawe ntacyo akora uretse kwilirwa amena ibintu cyangwa kwigunga ubeshye imfubyi.

Ibibaze nk'ibye bikunda kuboneka mu gihugu cyacu nibye byatumye aka gatabo kandikwa. Kabumbiyemo amategeko y'imikino 40 kuburye umwana cyangwa umuntu mukuru yakwishakiramo umunogeye. Nushaka gukinira mu nzu iwawe cyangwa se hanze, uzasangamo imikino ikwiranye n'aho hantu. Niwifuza imikino yo gushyushya amaraso, uzanezerwa; kimwe n'uko utazabuliramo uramutse ushatse iye gushyushya urugamba cyangwa iye kwityaliza ubwonko.

-Iyo ukitse imilimo, wifuza kujya ukina na bagenzi bawe imikino inyuranye alike ntumumenye uko mubyifatamo kubera ko mutazi myinshi kandi n'amategeko yayo akababera amayobera ?

Na none aka gatabo kawe kagamiye kumenyekanisha imikino itali mike kandi inyuranye yoroshye mu gukina cyangwa ijya kuba ibyamamare mu Rwanda.

Bitye n'abatuye ikantarange bashaka kwilirwa nta rungu, aka gatabo kabagilira akamaro.

NSENGIYAREMYE Yadeyo.

WALI UZIKO ?

-Ukina aba abungabunga amagara ye !

IBITABO BYIFASHISHIJE :

-Claude Aveline. Le code des jeux, Bradard et Taupin, 1970

- 300 nouveaux jeux pour les congés et les vacances, Flash

- Les lois du football, MIJEUCOOP

- Les lois du volleyball, MIJEUCOOP

IMIKINO ILIMO

I. IY'ABANTU BAKURU

A. IYO MU NZU

a. Amakarita

1. Rwamamara
2. Gupyinagaza
3. Intambara

4. Umubeshyi
5. Ingaragu ishaje

b; Imikino ya Damu

6. Damu y'infaransa
7. Damu y'inyongereza
8. Hatsinda uhombye
9. Intama n'ibirura

c. Imikino yo gutekereza

10. Yego cyangwa oya
11. Ba ambasaderi
12. Kuvugisha 81
13. Akajagali k'amagambo

d. Imikino y'ubucakura

14. Ibahasha igumye
15. Ubumaji

14. Gufindura inka  
15. Gatorano.

e. Imikino yo kubara

18. Umunani udashoboka
19. Gutahura imyaka
20. Igisoro

B. IMIKINO YO HANZE (yo gushyushya amaraso)

21. Umupira w'amaguru
22. Umupira w'intoki (volley ball)

II. IY'URUBYIRUKO

A. IYO MU NZU

a. Gushishoza cyangwa kumva

23. Igisambo
24. Ntokizumva
25. Mbonabihita
26. Telefoni

.../...

b. Imikino yo gutanqa icyiru

27. Imyugo
28. Muli ka parike
29. Ikimutegereje
30. Ingendo zo mu Bushinwa
31. Ifuha
32. Indogobe

c. Imikino yo quhamya

33. Umupira w'umuhigi
34. Urweso

B. IMIKINO YO HANZE (yo gushyushya amaraso)

35. Gusimbuka umugozi
36. Kugendera ku nkoni
37. Gusiganwa
38. Itara
39. Agaca
40. Kwiyobora inzira.

I. IMIKINO Y'ABANTU BAKURU

A. IMIKINO YO MU NZU

a. Amakarita

Amakarita cyangwa "mudiyo" ni umukino ushaje cyane. Wadutse mu bihugu by'i Burayi mu mpera z'ikinyejana cya 13 nyuma ya Yezu. Aliko ngo abashinwa baba barawukinaga ndetse imyaka 300 mbere y'icyo gihe. Amakarita yazanywe mu Rwanda n'abazungu.

Ipaki y'amakarita iba igizwe n'inka 54. Halimo (cyangwa amakarita) abili ya Jokeri imwe itukura indi yirabura, ashushanijeho umuntu witwa Joker, alibyo kuvuga ngo umunyamashyengo. Andi makarita 52 aba agabanijemo amoko 4. Ubwoko bw'umutima bushushanijeho umutima, ubwoko bw'umusaraba buliho umusaraba wirabura, ubwoko bw'igisuka (nanone bita ipiki cyangwa icyewusi) bushushanijeho ikintu gisa n'inshyamuro nayo yirabura, n'ubwoko bw'ikaro bushushanijeho mpandenye itukura. Ni ukuvuga lero ko buli bwoko bugira inka 13.

Muli buli bwoko habami inka eshanu zifite amanota alizo irasi (irangwa n'inyuguti A cyangwa umubare 1), iseti (irangwa n'umubare 7), umwami (inyuguti R =Roi cyangwa K= King), umugaragu (V=Vzlet cyangwa J=Junior) n'umwamikazi (Q=Queen cyangwa D=Dame). Haba kandi n'izindi nka 8 zitwa ibigarisha kuko zibara ubusa. Izo nka ziba zanditseho imibare 10, cyangwa 9, 8, 6, 5, 4, 3, 2.

.../...

Hali ya makaliba agira inka 52 na jokeri ebyili

imitima	A	7	R	J	Q	10	9	8	6	5	4	3	2
	1		K	V	D								
isaraba	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"
igisuka	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"
ikaro	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"	"
amanota	11	10	4	3	2	0	0	0	0	0	0	0	0

Amakarita akinwa ku buryo bwinski cyane. Dore bumwe mu buryo bworoshye.

① RWAMAMARA.

Navise Rwamamara kubera ko nta zina ufite wihaliye mu Kinyarwanda kandi alibwo buryo buzwi cyane mu gihugu cyacu.

- Inka ziba ali 36 aho kuba 54. N'ukuvuga inka zibara zose ziyongeraho ibigalisha byose byanditseho 6, 5, 4 na 3.
- Abakinnyi bashobora kuba 2, 3, 4, 6 cyangwa 9 kuko umubare wabo ugabanya uw'inka 36.

Iyo abakinnyi ali 4 cyangwa 6, bigabanyamo amakipe 2 ahatanira igitego. icyo gihe hagati y'abakinnyi 2 bali hamwe hicara uwo baba batali kumwe. Naho iyo abakinnyi ali igiharwe, buli muntu alizizira, agerageza gutsinda ku giti cye.

GUTANGA INKA

Umuntu umwe acanga ya makarita 36 kugeza igihe umuli iburye amuhagarika. icyo gihe uwacangaga areba inka ili muni ya zose yasanga ali imali (irasi cyangwa iseti) agakomeza agacanga. Iyo ali nta mali uhagalitse afata amakarita akayagabura, ndetse akanerekana ubwoko bwimitswe. Mu kugubura ayo makarita abanza kuyaha abo bali kumwe yihereyeho ku buryo buli muntu abona inka 3 cyangwa 4 biterwa n'umubare yishakiye. Inka zisigaye mu ntoki aziha wa wundi vacanze ngo nawe atange amakarita 3 cyangwa 3 mubo bali kumwe. Amakarita yongeye gusaguka aba ali ikirundo gishyirwa ku ruhande ngo abakinnyi bazajye bakiroberaho. Kuroba inka kimwe no kuzitanga, ni ukuzikulikiranya uhereye ku ili hejuru igaragaza umugongo.

Utanga inka ashobora kuzigabura zose uko zakabaye, noneho ibyo kuroba ntibibeho kuko nyine nta kirundo cy'amakarita gisaguka.

Iyo abakinnyi ali 2, utanga inka ashobora kwihereza inka imwe indi akayihira mugenzi we kugeza igihe buli muntu aboneye inka 3 cy 4 noneho hagasaguka ikirundo. Iyo nta kirundo, ubwo buli muntu afata inka 18. Birashoboka na none ko ugabura inka yibanzilizaho akabona guha undi.

UBWOKO BWIMITSWE

Kwerekana ubwoko bwimitswe mu mukino bikorwa ku buryo 3. Iyo umukinnyi ahagalitse ucanga, ahita afata ikirundo maze nawe agacanga limwe lisa. Inka ili hejuru y'izindi arayubura ikaba yimitwse kimwe n'izindi zose zisangiye ubwoko. Bene ubwo buryo bwo kumenya inka yimitswe bwitwa gucomora.

Ubundi buryo ni uko mbere yo gutanga amakalita, nyili uguhagalika aliwe nyine ugabura avuga ati: "ikarita niha ku ncuro iyi n'iyi niyo iba yimitswe".

Ubwo iyo nka iyo ayigalika bese bakayireba. Uburyo busigaye ni ugutanga inka 3 cg 4 noneho isigaye hejuru ku kirundo ikagalikwa ikaba aliyo yimikwa. icyo gihe iyo nka zimaze gutangwa hataragalikwa ya nka yo hejuru iza kwimikwa, abakinnyi bashobora kunyuzwa ijisho mu nka zabo noneho buli muntu agatangurana gusaba ubwoko yifuza ko bwakwimikwa. Nta bagomba guhuliza ku bwoko bumwe. Uwavuze ubwoko buhwanye na ya karita yo hejuru, ashobora kuyigurana n'iyi afite. Ubwo ni ubufundo bushobora kuzamura umukinnyi nk'igihe yali afite nk'ikigalisha noneho akakigurana n'inka ibara amanota menshi.

#### GUKINA

Uwahagalitse umucanzi w'amakarita niwe utangira gukina noneho agakulikirwa n'umuli iburyo kugeza igihe abakinnyi bese bahetuwe. Kujyana inkaa za kimwe alibyo bita kurya ni iby'ikipe ilimo umukinnyi washyizeho inka nini. Dore uko bikorwa: Uko inka zisanzwe ubwoko aliki zitabara kimwe, niko zisumbana mu gaciro. Mu nka zibigalisha iyanditseho umubare munini niyo iba ali nini. Gupika mu ma karita ni ukugereka ku nka zakinwe mbere ikarita izirusha agaciro (amanota)..Aliko izo nka zigomba kuba ali ubwoko bumwe. Iyo hakinwe inka ibara amanota asumbijeho aliko ali ubwoko bunyuranye, ntacyo biba bivuze. Keretse iyo al'inka yimitswe. Ikarita yo mu bwoko bwimitswe, kabone naho yaba ikigalisha, isumba n'irasi yo mu bwoko bundi. Ni ukuvuga lero ko ufite irasi yo mu bwoko bwimitswe aba acigatiye musumba zose.

Iyo umukinnyi wa mbere atapitswe cyangwa ngo bashyireho ikarita yimitswe, ubwo ararya, ajyana inka zose zakinwe akazishyira ku ruhande noneho akaba ali nave nanane wongera gukina inka bwa mbere. Iyo bamupitse cyangwa se hashyizweho akimitswe ku buryo asumbwa, ubwo amakarita yose yakinwe ajya ku mukinnyi washyizeho inka yaruse izindi ndetse akaba ali nave ukina inka ya mbere. Mbere yo gukina aliko, abanza kuroba indi nka ku kirundo n'abandi bese bakamwigana uko bakulikirana uherye iburyo bwe. Umukino ukomeza gutyo, harya uwakinnye inka ikomeye kurusha izindi kugeza igihe inka zo ku kirundo bazirobye zigashira ndetse n'izo mu ntoki zikarangira bazikina.

Hakulikiraho kubara amanota. Umukinnyi cyangwa ikipe yagize amanota menshi niyo iba itsinze. Mu ibara hakulikizwa ya manota buli nka ifite. icyo gihe iyimitswe n'itimitswe aliko zanditseho inyuguti zimwe zibara kimwe. Iyo umukino urangiye bashaka gukomeza, uwatsinze niwe ucanga noneho umwicaye iburyo (nta kuntu bashobora kuba mu ikipe imwe) akaba aliwe umuhagalika.

Iyo mu ibarura abahatana bese bagize 60, ubwo baba baguye miswi kuko baba banganiye amanota. Uwali wacanze arongera bagakina bundi bushya noneho utsinze bakambalira ako kanya ibitego bibili. Iyo umukinnyi cyangwa ikipe iliye inka zose ku buryo yuzuzwa ikagira amanota 120, uwo mukino udasanzwe witwa "kapa". Kapa yishyurwa n'indi kuko nta mubare w'ibitego bayigeranya. Mu makarita, gutsinda urunganda (cyangwa umuzinga) ni ugutsinda ibitego 6 byose wikurikiranya. Naho gutangurana umuzinga ni ugutangurana nyine gutsinda ku ncuro ya 6. Rwamamara ni umukino uryoha. N'ikimenyimenyi abawukina ntibamenya uko amasaha yihuta.



2. GUPYINAGAZA

Gupyinagaza ni umukino uryoshye cyane. Ukinwa byibuze n'abantu babili kugeza kuli 6. Bakoresha amakarita yose uko ali 54. Umukino uko uteye, ni uguhatanira kumara inka zawe mu ntoki mbere y'abandi ubwo ukaba utsinze kuko uzimaze bwa nyuma aba aliwe utsinzwe.

Uko ukinwa, ni ugucanga amakarita yose noneho ukwicaye iburyo yaguhagaliye ukamuhereza amakarita noneho agaha buli muntu inka 4 atangiliye ku kumukulikiye. Ubwo inka zisagutse ziba ikirundo giterekwa ku meza. Inka iyo amaze kuzitanga, ahita akina imwe ahatse muzo yabonye. Umukulikiye w'iburyo nawe agahita vuba akina inka bihuje ubwoko cyangwa ikimenyetso (imibare cyangwa inyuguti). Iyo adafite bene iyo nka mu zo acigatiye, akina "intimirwa". Iyo ni Jokeri cyangwa iseti cyangwa umugaragu w'ubwoko bubonetse. Iyo nabwo intimirwa ibuze, ubwo umukinnyi ahita aroba, inka yo hejuru ku kirundo, akayivanga n'izo yali asanganywe, ukulikira akaba aliwe ukina. Nawe iyo agize ingorane nawe nta kundi araroba.

Iyo umukinnyi atagize ingorane zo kubona iyo akina, ubwo ukulikiyeho akina akulikije ubwoko cyangwa imibare yanditse ku nka ili hejuru. Ni ukuvuga inka yashyizweho n'umubanziliza. Inka zakinwe mbere lero ntawe uba akizitayeho. Umaze inka mu ntoki ubwo aba avuye mu mukino abandi bagasigaramo yabatsinze.

Umukino witwa "Gupyinagaza" kuko ushingiyeye ku mategeko yo guhanana.

Ayo mategeko akubwira kuroba inka cyangwa akubuza gukina maze ubwo inka zawe ntuziva-  
neho vuba nk'abandi. Amakarita ahana ni 5.

Iyo ukinnye ikarita yanditseho 2, ugukulikiye ahanishwa kuroba inka 2, wakina iyandi-  
tseho 3, ukubanziliza akaroba imwe. Inka yanditseho 8 ituma ugukulikira bamusimbuka  
ntakine. Iyanditseho 10 ituma umukino ugenda ikigongogongo kugeza igihe hagize undi  
nawe ukina inka yanditseho 10. Gusubira inyuma bituma uwali witeguye gukina asubiza  
inkota mu rwubati. Naho gukina Jokeri ho ni uguhana wihanukiriye kuko ugukulikiye  
aroba inka 5. Uhanwe kuroba araroba gusa. Ibyo gukina ni iby'ukulikuraho.

- Za nka z'intimirwa nazo zifite andi mategeko azireba: ukinnye umugaragu iyo ahatse  
ategeka ko abantu bese bakina ubwoko yifuza kugeza igihe abakinnyi bese bahetuwe.  
Ubwo kureba ubwoko cyangwa umubare w'ikarita yo hejuru (iherutse gukinwa) biba  
bivuyeho by'agateganyo.

- Kuko Jokeri itagira ubwoko, iyo imaze guhana, uramukiwe gukina agomba kureba ubwoko  
w'ikarita iyili hasi.

- Si byiza gukina intimirwa igihe uboneye. Uzi ubwenge ayikina yabuliwe. Si byiza  
kandi no guhana igihe cyose, kuko hali ubwo wifuza inka ihana mugenzi wawe ugasanga  
wayipfushije ubusa.

- Hali ubwo abakinnyi babura inka bakina maze bakaroba amakarita ku kirundo ubudatuza.  
Ntabwo icyo kirundo gishobora gushira kuko iyo bigiye kugenda gutyo izakinwe zose  
uretse iheruka zikora ikindi kirundo gishyashya.

Kwikura muli uwo mukino bibaza ubutwali bwinshi kuko uryohera cyane  
abawukina n'abawureba.

N.B! Jeux n° 14 + 15 à paraître plus tard dans le rubrique d'Imikino y'ubucakura p. 16!

⑭ GUFINDURA INKA

Mu makarita 25 ushatse (uretse jokeri, 10, 9, 8, 3 na 2) fatamo atanu uyereka umuntu ahitemo mu mutwe (nta kuzerekana) imwe noneho ayo makarita 5 uyarambikiye ku meza hagaragara umugongo wayo. Fata abdu makarita 5 akulikiyeho uyereke undi muntu nawe atoranyemo imwe mu mutwe hanyuma uyarambikiye iburyo bw'aya mbere. Tangira nanone ugende werekana andi makarita atanu atanu ku bandi bantu batatu basigaye aliko wibuka gushyira buli tsinda ry'inka eshanu iburyo bw'ilililanziliza.

Numara gutondekanya utwo dutsinda 5 ku meza, urakora utundi dutsinda 5 dushyashya tuvuye muli utyo twa mbere. Hera iburyo ugana ibumoso ugenda ufata inka imwe imwe uturutse ku zili hejuru. Ni ukuvuga mbese ko itsinda lya mbere lishyashya ligirwa n'amakarita 5 yali hejuru, agatsinda ka kabili n'atanu akulikiyeho, bityo bityo...

Noneho shandika ayo matsinda 5 ugaragaza neza inka ziyagize. Umuntu azajye akwerekana itsinda lilimo inka yali yahisemo noneho nawe uhite uyimwerekana ako kanya kandi kugeza ubwo wabonaga gusa imigongo y'amakarita.

Umutwe: Reba ku rupapuro rwa. (30)

⑮ GATORANO

Fata amakarita 32 (54 yavanywemo za jokeri n'inganda zanditseho 10, 9, 8, 3 na 2) Yacange cyane ubone kuyasandaza ku meza ugaragaza imigongo misa. Noneho umwe mu bagukikije yihitiremo ikarita ayereke abandi maze ayisubize aho yali ili.

Runda runda inka zose maze uyagerekeho yayindi yahiswemo. Bwira abantu bitoranyemo ucanga nanone ayo makarita limwe nk'ucumora. Bayasandaze nanone ku meza aliko noneho yubukuye. Nta kwibeshya na busa, uzaterura ya karita yatoranijwe.

Umutwe: Reba ku rupapuro rwa.. (30.)

⑯ INTAMBARA

Uyu mukino waba aliwo woroshye mu makarita. Ukinwa n'abantu babili bakoresheje amakarita 52 (ni ukuvuga havuyemo za jokeri) cyangwa 32 (bakuyemo jokeri n'ibigalisha byanditseho 10, 9, 8, 3, 2). Nta bara lisumba ilindi uretse ko inka zisumbana.

Haherewe ku nkuru, hali irasi, iseti, umwami, umugaragu, umwamikazi, 10, 9,...

- . Buli mukinnyi atoranya ikarita noneho isumba izindi akaba aliwe utanga inka.
- . Uzitanga abanza kuzicanga, uwo bapiganwa yamara kuzikata akabona kuzigabura zubitse imwe imwe, atitangiliyeho kugeza igihe zirangiliye zose.
- . Buli muntu afata inka ze atazubukuye cyangwa ngo ahindure uko zigiye zikulikiranye.
- . Noneho uwakase inka agashyira ku meza inka yahawe ubwanyuma. Mugenzi we akabigenza atyo. Ushyizeho inka nini ahita ayo makarita yombi akayavanga n'aye uko abonye noneho agahita akina.
- . Iye abakinnyi bombi bashyize ku meza inka zinganya agaciro, bavuga ko habaye intambara. icyo gihe ayo makarita bayarekera ku meza bagakina andi kugeza igihe habonetse ukina isumbye iy'undi. Utsinda umukino intambara ni utsotsoba mugenzi we amakarita yose uko ali 32 cyangwa 52.

④ UMUBESHYI

Nta mubare w'abakinnyi wategetswe muli uwo mukino w'amakarita 32 eg 52. Kugirango bamenye utangira umukino buli muntu atoranya inka noneho uwazamuye ifite agaciro kanini akabanza.

.Inka bazitanga ebyili ebyili bava ibumoso bajya iburyo. Si ngombwa ko amakarita yose atangwa. Utangira umukino ashyira ku meza inka ye imwe yubitse akavuga ubwoko bwayo abeshya cyangwa se avugisha ukuli. Ukulikiye (ni umuli iburyo) nawe agakina avuga ko inka ye ali iyo mu bwoko bumwe. Biti ihise, agatera hejuru akanyomoza mugenzi we avuga ngo "uradusondetse".

Iyo bigenze bityo, umukinnyi baketse amababa yubura inka ye, Niba yabeshyaga koko, arasubirana inka ye, ndetse n'izindi zose zili munsu niba zali zihali. Niba atabeshyaga uwihaye kumunyomoza niwe ubangatana amakarita. Umutego mubi... Ubwo uwabeshyewe arongera agakina ndetse yashaka akavuga ubundi bwoko. Yaba yabeshye, umunyomoje ali nawe umukulikira iburyo niwe ukina. Ashobora nawe guhindura ubwoko.

Utsinda umukino ni uwagize Imana agatanga abandi gukina inka ze zose.

Hali ubwo abakinnyi aho gutangaza ubwoko ashyizeho, babanza gushaka ubwoko bwimitswe noneho bakajya banga ngo "ashyizeho inka yimitswe".

⑤ INGARAGU ISHAJE

Uyu mukino ugomba amakarita 32 cyangwa 52 babanje kuvanamo abagaragu batatu hagasigara umwe w'igisuka ali nawe witwa "Ingaragu ishaje" (ibona umugeni biyigoye).

Utanga inka (bamumenya babanje kureba uhitamo ikarita ibara amanota menshi) agabura imwe imwe amakarita yubitse agenda agana ibumoso kuburyo yiha nyuma. Buli muntu iyo amaze kumenya inka ze, yegeranya izigiye zanditseho inyuguti zimwe nta kureba ubwoko.

Ubimbura umukino (ni uli ibumoso bw'uwatanze inka) amulikira inka ze zubitse ku meza umuli ibumoso. Mugenzi we uwo atoranyamo inka yenda ifite ibimenyetso bisa n'iyindi yali asanganywe. Bitaba ibyo akayigumana yizeye ko hazagira mugenzi we ayereka akayimvanaho, bityo bityo,...

Birumvikana ko umugaragu w'igisuka abura undi mugaragu basa. Umucigatiye lero yabuze indi karita bibangikana niwe uba utsinzwe. Umunyabwenge lero muli uyu mukino ni ukora uko ashoboye kugirango iyo ngaragu ishaje abone ayikuraho, ihiswemo n'undi.

b. IMIKINO YA DAMU

Izina ly'iyi mikino ntiliva ku ijamba ly'igifaransa "dame"="umudamu". Ahubwo lyaba lituruka ku kidage "dam" =urukuta", urupangu, uruzitio. Damu yadutse i Burayi mu bya 1500. Irangwa cyane n'uko buli gihugu kiyikina ku buryo bwacyo.

⑥ DAMU Y'INFARANSA

Damu iteka iteranya abantu 2 bakinira ku rubaku ruskushanijeho utuzu 100. Kinwe cya kabili cyatwe kiba gisize, ikindi kidasize ibara. (Reba rwa mbere)..... Utwe tuzu tudasize nitwe dukinirwaho batugerekahe inka zimeze nk'ibipesi binini bikeze mu biti. Akenshi bene ize nka zirabura cyangwa zigatakara maze abantu bakazisimbuza imifunike yafundikiraga byeli cyangwa fanta).

Hakinishwa inka 40. Umukinnyi umwe agira 20 undi 20. Kugirango ize nka banyirase bataxitiranya, zibazifite amabara azitandukanya. Mbere y'umukine, buli muntu ashya inka ze mu tuzu tume twa mbere tumwegereye (Reba nanone urubaho rwa.....<sup>mbere</sup>).

UKO INKA ZITAMBUKA

Umakinnyi iteka iye inka ye ayigendesheje, ayisumikira imbere akayihagaliye mu kazu kalime ubusa. Umuntu niwe uhitamo aho ahagaliye inka ye mu tuzu tubili (Kamwe iburye, akandi ibumese) tuli imbere (Reba na none urubaho rwa mbere). Ubwo aba akinye, mugenzi we nawe akaba aramukiwe.

KURYA INKA

Iye inka ebyili zishoreranye kandi zidasa (mu yandi magambo zitali iz'umuntu umwe), iy'uramukiwe gukina ubwo ihita icya hejuru ya nka yindi igahagarara mu kazu iye kalime ubusa. Iye nka isimbutswe ivamwo kibaho ikaba ilivye, nyiraye akaba ahamye. Nanone umukinnyi uliye, iye asanze inka ye ishoreranye n'indi y'awe bahatana, naye iye bishebetse arayisimbuka akayirya. (Reba urubaho rwa...2.....). Bikomeza kugenda gutye, umuntu agenda avanamo inka z'undi iye hal'ukuntu. Ubwo kandi iye nka asimukisha ntigenda itomereye imbere gusa. Ishobora no kugenda ikigengegonge iye ishobora kurya. Nta muntu usimbuka inka ye bwite cyangwa ngo asimukwe ebyili za mugenzi we.

Iye inka izamutse igakandagira mu kazu gahera kegereye umukinnyi muhiganwa, ubwo ihita yitwa idamu. Kugirango bigaragare ko yinjijye mu rundi rwego, mbese ko ari imbyeyi, bayigerekahe indi nka bisa ivuye mu sali zalivye. icyakora iye inka izamutse ikagera ku kazu gahera, ntiba idamu iye ishobora gusubira inyuma maze ikarya iyindi nka. (Reba noneho urubaho rwa...3.....)

Ubenye idamu aba agira ishaha. Idamu bayikinisha uko bashatse bayiganisha imbere cyangwa inyuma. Ishobora ndetse no gusimbuka utuzu twinshi talime ubusa. Ikindi idamu irusha izindi nka ni uko nanone ishobora kurya inka iyegereye kinwe n'iya kure. Ikindi nanone: idamu iyo imaze gusimbuka inka igasanga kuli uwe muronge hali utuzu tutalime inka, ubwo ye ishata irakomeza igahagarara mu kazu yihitiyemo kali kuli uwe muronge. Idamu iye igenda irya ikagera mu kazu kalime ubusa, ishobora guhita ikata, ikanyura mu wundi murongo nawe ulimo inka zilibwa, ikazihitana (Reba urubaho rwa...4...).

ANBI MATEGEKO

. Iye ufite ukuntu urya inka, ni itegeko kubikora. Naha ubundi inka yawe yagembaga kurya ntirye mugenzi wawe ayivana ku rubaku akaba araguhombeje. icyakora iye ufite inka nk'ebiyili zose zishobora kurya, birumvikana ko harya imwe kuko udashobora gukina kabili uzisumika zombi mu cyimbe kinwe.

. Kurya inka bikorwa gutya: ugenda usimbuka inka zose zishobera kulibwa kugeza igihe uzirangiliye, noneho ukabona kuzivana ku rubahe uko wagiye uzica hejuru.


. Umuntu ashobora kunyura incuro nyinshi mu kazu kalimo ubusa alike akalimo inka agasimbuka incuro imwe rukumbi.

. Utsinda umukine ni uwanyaze inka zose za mugenzi we cyangwa se atazirya akazicira amayira kuburye zitabona aho zica ngo zikomeze zitambuke.


Hali n'ubwe kandi umukine ubura gica. icyo gihe abakinnyi bombi baba baryanye inka noneho bagasigarana inka nke na za damu kuburyo ntawe ushobera gufata inka z'undi naho bakwiliza umunsi wose. Ubwe umukine barawusea bagatanira undi kuko baba baguye miswi.

Umukinnyi uzi damu yilinda gutakaza inka nyinshi rugikubita kuko icyo gihe niho akenshi uza gutsinda garagalira. Mu mukine wa damu nta shaba libame nke mu makarita. Uzi gutekereza ne kutarangara niwe uwashobora.

①



②




⑤

③



④



⑥

⑦ DAMU Y'INYONGEREZA

Damu y'inyongereza isa n'iyinfaransa uretse ko:

- . Urubahu rugira utuzu 64 (8 x 8) aho kuba 100 (10 x 10).
- . Buli mukinnyi atangirana inka 12 mu mwanya wa 20.
- . Inka zikinirwa mu tuzu dusize amabara.
- . Inka iye itambuka nta naliawe igenda ikigengegongo kabene n'iyeye yaba ishebera kurya.
- . Idamu ye ishebera kugana imbere n'inyuma alike ntishobera gusimbukira icyalimwe utuzu twinshi nke mu mukine w'umufaransa.

⑧ HATSINDA UHOMBYE

Gukina uwo mukine ni ukuba intyoza muli damu isanzwe buculi.

Utese gute ? Mwibuke rya tegeke livuga ko niba hali uburye bwo kurya inka ugomba byanze bikunze kuyinyaga. Une mukine lere ushingiye kuli irye tegeke. Umukinnyi akera uko ashoboye inka ze akazinyagisha kuko iyo zimushize aba atsinze. Bavuga ko nabwo atsinze iye inka ze yazishyize mu tuzu kuburye mugenzi we amusibira amayira ntashobore gukina.

Umukinnyi uzi ubwenge ntakulikiza rya tegeke nge inka italiye kandi yabishoberaga igembe ive ku rubahu. Ahubwo ateguka mugenzi we kumurya! Gutakaza inka umukine ugitangira ntibigomba gutera umukinnyi kwirara nke muli damu isanzwe kuko usigaranye inka nyinshi aba asigaranye uburye bwinshi bwo kuzivanahe.

⑨ INTAMA N'IBIRURA

- . Inka y'umukara "Ikirura" igenda nk'idamu y'inyongereza alike ikaba idashebera kurya, iba itsinze iye inyuze mu nka 5 zera "Intama" ikagera inyuma yaze. Izo ntama naze zigenda nk'inka z'inyongereza kandi ntizishobora kuba damu. (Reba urubaho rwa.5..)
- . Uyu mukine ushobera no gukinirwa ku kibaho cy'utuzu 64. Ubwo intama ziba 4 n'ikirura *ali kimwe.*
- . Intama naze zitainda iye zishoboye gukumira ikirura zikagikiza.
- . Intambara ishyuha kurushaha iyo hali ibirura 2 bigenda kandi bikajata nk'idamu y'infaransa n'intama 20 zitambuka nk'inka z'infaransa alike ntizishobore kurya ne kuba za damu, ibyo byese ku rubahu rw'utuzu 100. (Reba urubaho rwa.6..)
- . Ibirura bitsinda iye kimwe muli byo gishoboye kunyura mu ntama kikagera inyuma yaze. Intama nazo iye zizhilitse ubwoba zikagota ibirura byombi ziba zitsinze.

.../...

c. IMIKINO YO GUTEKEREZA

① YEGO CYANGWA OYA

- . Uyu mukine uhuza abantu 2 uretse ke na benshi bishebeka aliko biciyeme inkambi 2
- . Umuntu umwe abwira undi ati: "tekereza umuntu cyangwa ikintu twembi tuzi neza wilinde kukimbwira. Hanyuma nanjye ndaguhata ibibazo uzajye unshubiza gusa ngo yego cyangwa oya. Amahereze ndafindura umuntu cyangwa ikintu watekereje".
- . Ubaza atangira nyine avuga ngo ni umuntu? ni ikintu?
- . Niba amenye ko ari umuntu, ubwo arungikanya ibibazo bya kuzafutugirwaho. Ibyo bibazo byerekeye nk'igitsina, niba umuntu akiliho, igihe yabereyeho (niba yarapfuye) ibara ry'uruhu rwe, igihugu cyo, aho atuye icyo akora, ..... mbese ibibazo byose byafasha kumenya umuntu.

Icyitonderwa: Iyo umuntu amaze gutekereza icyo mugenzi we agomba gufundura ni byiza guhitamo icyandikira ku gapapuro kuko hali uwumva bagiyemo kuvuza icyo cyangwa uwe yatekereje agahindura. Ibyo lero bishobora kubara impaka kuko haba aho mbere aho yashubijeho ngo "yego" kandi byari "oya".

Urugero 1: Tuvuye ko hatekerejwe umuntu.

- Ni ikintu? - oya
- Ubwo ari umuntu, ni uwirabura? - yego.
- Aracyariho? - oya.
- Yari umunyarwanda? - yego.
- Yari umugabo? - yego.
- Yabereyeho mu gihe cy'abazungu? - oya.
- Yari umwami? - yego.
- Rwabugirye? - oya
- Bamuvuye mu bitekereze? - yego
- Ruganzu; Yego.

Urugero 2: Neneho ari ikintu. Kugifundura biragoye kurusha icyo ari umuntu

- Ikintu cy'ubukoliki? - oya
- Kiracukurwa? - oya
- Ni igihingwa? - oya
- Kiracuruzwa? - yego
- Gikererwa mu nganda? - yego
- Z'ine? - oya
- Kiralibwa? - oya
- Kirregwa? - oya
- Kirambarwa? - yego
- N'abagabo? - yego
- Mu maguru? - oya
- Mu gihimba? Yego
- Ishati? - oya
- Isengeli? - Yego. Ubazwa ashobora kuba atarashirwa kuko wenda yifuza ko mugenzi we avugira ko ari isengeli yambaye we ubwo nyirya ugufundura.

11. BA AMBASADERI

Uyu mukino nawo umeze nka "yego cyangwa oya" uretse ko wo iteka ukinwa n'abantu benshi biciyemo amakipe abili.

Buli kipe lyitoranyamo umuntu waryo uza kulibera ambasaderi mu yindi kipe. Mbere yo kugenda aliko, ba ambasaderi bombi barahura bakumvikana ku izina ly'umuntu cyangwa ikintu gufindurwa. Iyo bageze mu makipe atali ayabo baradukirwa bagahatwa ibibazo nabo bagasubiza ngo "yego cyangwa oya".

Ikipe itanze iyindi gufindura icyatekerejwe na ba ambasaderi iba itsinze ndetse wa ambasaderi ikamugumanaho imbata. Harongera hagatorwa nanone ba ambasaderi 2 bashyashya umukino ukongera ugatangira. Urangira burundu iterere limaze ilindi.

Umubare w'ibibazo ntacyo uvuze, buli kipe igomba kungikanya ibibazo vuba vuba mu gihe gito kugirange irebe ko yafora mbere yi yindi.

12. KUVUGISHA 81

Haba hali abantu benshi bose bafite ikalamu n'agapapuro. Bose bumvikana ku mubare w'ingingo bagomba gusuzuma kuli buli muntu uli aho (urugero: uburanga, ubugwaneza, ubucakura, ubumwawanya, gushabuka, gukunda amafaranga, ubunebwe,.....)

Amazina y'abantu yandikwa ku gapapuro ibumoso akamera nk'ilisiti. Naho hejuru mu ntambike hakandikwa ingingo zisuzumwa. Bazikulikije, umuntu agenda aha buli mugenzi we uli aho amanota ali hagati ya 0 na 20. Ibyo iyo birangiye, impapure zose zirafatwa zikavangavangwa. Hakulikiraho kuzisema no kwandika amanota ya buli muntu muli buli ngingo. Ibyiza aliko ni ugusomera umuntu umwe umwe. Isomwa lirangiye hakorwa isabu bakareba noneho uko bagiye basumbana amanota muli buli nenge cyangwa ingeso nziza, n'uko bakulikirana muli rusange amanota yose bayakomataniye hamwe.

Mu ivugwa ly'amanota, ntawe ugomba kubabara cyangwa se ngo arakare kuko yaba abaye umunyamwuzi. Nta wiremye, kandi ngo umubaji w'imitima....

13. AKAJAGALI K'AMAGAMBO

. Umukinnyi wa mbere avuga ijamba abonye. Tuvuge "inzu". Uwa kabili umukulikiye agasubiramo ngo "inzu" ndetse akagerekaho n'ijamba rye akaba yavuye ngo "inzu - ijuru". Uwa gatatu nawe akazavuye ngo "inzu-ijuru-amazimwe", uwa kane: "inzu-ijuru-amazimwe-akarebyo". Umukino ukomeza gutyo urutonde rw'amagambo ryiyongera.

. Umukinnyi bigoye gusubiramo ako kajagali k'amagambo, ahita avamo. Hatsinda lero usigaye ubarusha ubwonko buzima.

. Iyo abakinnyi ali bake, bituma baheturwa incuro nyinshi n'ubwonko bwabo nabwo bugakoreshe cyane. Biroroha kwibuka amagambo iyo abayavuze bwa mbere batageretseho andi menshi.




J. IMI RI NO Y'UBUCAKURA

- 14. Gufindura inka } efr t. 9
- 15. Gatorano
- 16. IBAHASHA IGUMYE

Ni ugushushanya ibahasha kuburye ikaramu itava ku rupapure kandi ntihagire n'akaronge iye kalamu ica no ku ncure ya kabili.

Igisubize ku rupapure rwa.....(30)



17. UBUMAJI

Umuntu asohoka mu cyumba cyuzuye abantu noneho uwwe akavane akamutuka. Wa muntu akinjira akaza kumenya uwamututse. Cyangwa se nanone umuntu agasehoka mu nzu ilimo intebe enye zifite inomero. Hakagira intebe iwewe bicaraho akanya gato wa wundi akili hanze. Iyo agarutse ubumaji bwe bumufasha kumenya iyo ntebe nawe akayicaraho. *Niba wifuzaga kumenya umutwe, reba ku rupapure rwa. (30)*

6. IMIKINO YO KUBARA

18. UMUNANI UDASHOBOKA


Mbere ye kwitarura, umubyeyi yaraze abana be batatu inka ze yali atunze uko zali 17 kuburye bukulikira. Umwe yakundaga cyane yabonye icya kabili cy'ayo matunge, undi kimwe cya gatatu, uwanyuma nawe atwara kimwe cya cyenda. Vuga ukuntu Milita Burugumesitiri umusaza yasabye kurangiza iby'uwe munani yabyifashemo kandi atagombye kubaga ayo matungo. **Igisubize ku rupapure rwa.....**

19. GUTAHURA IMYAKA

Aya matsinda y'imibare uke ali alindwi atuma utahura nk'ako kanya imyaka y'umuntu uwe aliwe wese. Umusaba gusa kukwereka itsinda cyangwa amatsinda abonamo umubare uhvanye n'imyaka ye. **Igisubize ku rupapure rwa.....**

1			2			3			4			5			6			7		
64	82	100	32	49	98	16	49	82	4	38	76	8	42	76	2	38	74	1	37	73
65	83	101	33	50	99	17	50	82	5	39	77	9	43	77	3	39	75	3	38	75
66	84	102	34	51	101	18	51	83	6	44	78	10	44	78	6	42	78	5	41	77
67	85	103	35	52	102	19	52	84	7	45	79	11	45	79	7	43	79	7	43	79
68	86	104	36	53	103	20	53	85	12	46	84	12	46	88	10	46	82	9	45	81
69	87	105	37	54	104	21	54	86	13	47	85	13	47	89	11	47	83	11	47	83
70	88	106	38	55	105	22	55	87	14	48	86	14	48	90	14	50	86	13	49	85
71	89	107	39	56	106	23	56	88	15	49	87	15	49	91	15	51	87	15	51	87
72	90		40	57	107	24	57	89	20	54	92	24	58	92	18	54	90	17	53	89
73	91		41	58		25	58	90	21	55	93	25	59	93	19	55	91	19	55	91
74	92		42	59		26	59	91	22	60	94	26	60	94	22	58	94	21	57	93
75	93		43	60		27	60	92	23	61	95	27	61	95	23	59	95	23	59	95
76	94		44	61		28	61	93	28	62	100	28	62	104	26	62	98	25	61	97
77	95		45	62		29	62	94	29	63	101	29	63	105	27	63	99	27	63	99
78	96		46	63		30	63	95	30	64	102	30	64	106	30	66	102	29	65	101
79	97		47	64		31	64	96	31	65	103	31	65	107	31	67	103	31	67	103
80	98		48	65		32	65	97	32	66	104	32	66	108	32	68	104	32	68	104
81	99		49	66		33	66	98	33	67	105	33	67	109	33	69	105	33	69	105
			50	67		34	67	99	34	68	106	34	68	110	34	70	106	33	69	105
			51	68		35	68	100	35	69	107	35	69	111	35	71	107	35	71	107

20. IGISIRE.



nteba

ngarama

Igisire ni umukine uteranya abantu babili bakinira ku gisere gicukuyemo utwebo 32 (8 X 4). Ni ukuvuga ko buli muntu aba akinira mu twebu 16. Inka ze zese hamwe ziba ari 64. Umwe nyine atangirana inka (udusere) 32. Gutsinda rere umukine ni ukulya udusere twa mugenzi wawe twese cyangwa se ukamusigira utwe adashobera gukomeza gukinisha, ni ukuvuga utuli munsu ya 17.

Mu ntangilire y'umukine, abakinnyi bombi bashyira udusere tume tume mu twebu 8 dukukuye hagati mu gisere. Ibye iye birangiye buli muntu arunda inka ze 32 mu twebu uko ashatse. Ni ukuvuga ko umukinnyi akitame akobe ke ashatse, akamarame za nka 4 zalime maze akagenda ashyira hamwe hamwe mu twebu dukulikiranye aliko atigana uko urushinge rw'isaha rutembera.

Ubuze bavuga ko baba baciye umuvune. Akobe ashyizemo urusere rwa nyuma niko inka ze ziba zicikiye. Na nene ku nshure ya kabili abakinnyi barengera bagateranya utwebo bamerame inka enye maze bakengera kugenda bazijugunya mu tundi twebu nka mbere. Ibye nibyo bita kwivunura. Kugeza aya magingo, bibujijwe kulya inka z'undi. Bulya bakinye ku neure ya gatatu.

Inka zilibwa ni izigeretse ni ukuvuga utwebo tubili duteganye dukinwamo n'umuntu umwe kandi twese tulime inka byibuze imwe imwe ku bulye uzilya byibuze aterara inka ebyili. Umuntu rere iye afashe udusere tuli mu kobe ke ashatse, akagenda adusaranganya mu tundi twebu, iyo urusere rwa nyuma ruguye mu kobe akabona hakulya kwa mugenzi we hali inka zigeretse, ahita azilya: ni ukuvuga ko azikamata zese akazivanga ni ize cyangwa n'izili mu kobe ke yaherukaga kujugunyamo inka ze nyuma, neneho agakomeza kuzibanza kugeza igihe zizhiliye. Bavuga ko inka zacye (guca) iye umuntu akinnye neneho akaza kujugunya inka ye mu twebu walimo ubusa. icye gihe nyine ahita ahagarara hagakina undi. Utera inka ntalya iza mugenzi we igihe akinnye iya nyuma ikagwa muri kamwe mu twebu 8 tuli ku ruhande. Aya gusa igihe aguye mu twebu 8 tw'imbere.

Guteba na Kugarama.

Navuze ko ukina agenda atigana aho urushinge rw'isaha narwo rugana. Nyamara hali igihe ashobera gusubira inyuma, akarwigana. Buli mukinnyi afite utwebo tume ageramo yaba ashatse agasubira inyuma. Kugishushanyeho twese utwe twebu duhujijwe n'uturunge: mu twebu dufatanijwe n'uturunge tubili hitwa muri nteba. Gutera inka muri kamwe muri utwe twebu maze ukagenda ikigengogenge byitwa guteba. Mu twebu dufatanijwe n'akarengo kamwe ko hitwa muri ngarama kuko umukinnyi uhageze ashobera kugarama. Murebye neza, guteba bituma umuntu yigumira gukina muri twebu tw'imbere alitwe twemwe guhagararame maze ukalya inka z'abandi igihe zigerekeye. Nako kugarama bisubiza umukinnyi mu twebu twe ku ruhande; Uzi ubwenge ibye abikera cyane cyane igihe afite mu nteki inka nyinshi (nk'umunani) zimugeze mu twebu tw'imbere.


Utsinda umukine w'igisere ni umuntu uzi umubare wo akamenya ko nafata inka ze

**B. IMIKINO YO HANZE**

**21. UMUPIRA W'AMAGURU**

Icyitenderwa: Amategeke yese agenga umupira w'amaguru (kinwe ndetse a'uw'inteki -velley) sike atandaguye muli aka gatabe. Twibanze kuy'ingenzi. Ushatse kuyanenensera nk'uko atangwa na International Football Association Board (IFAB), yakwisunga Minisitiri y'Urubyiruke ne Gutsura za Koperative.

Twagerageje kandi ne gushyira mu Kinyarwanda amagambo y'igifaransa akerehwa muli uyu mukino w'amaguru. Hagize ubona amagambo neza kurushaho, byadushimisha.



KIBUCA

Ikibuga kili hagati ya metere 120 na 90 z'uburebure. Ni ukuvuga metere 120 iye ari kirekire cyane, 90 iye kibaye kinini. Ubugali bwacye nabwo buba hagati ya 90 na 45.

Impande ndende (90-120 m) zitwa impande z'irengereze (ry'amupira) - ligne de touche - naha ingufi zitwa impande z'ibitege cyangwa itsindire (ligne de but)

Ikibuga kiba kigabanijwemo kabili n'umurenge uca mu cyeragati cy'impande z'itsindire. Muli uwo murenge rwagati hacibwa naha uruziga rufite akarambarare (rayen) kangana na metere 9,15.

Muli buli mfuruka z'ikibuga uke ali onye, hacibwa naha utuziga twa metere inwe y'akarambarare.

Mu mpande z'itsindire niho haba amazamu. Inkingi z'izamu uke ziba ari ebyili zitandukanwa na metere 7,32. Uburebure bw'ize nkingi buba ari metere 2,44.

Muli metere 5,5 uturutse ku nkingi z'amazamu hacibwa imirenge yinjira mu kibuga. Iye mirenge naye iba ireshya na metere 5,5. Igira uyihuza kuburye habeneka igishushanyo cya mpande onye zireshya. Umwanya wese ugizwe n'icye gishushanyo witwa uruge rw'izamu (surface de but).

Naho muli metere 16,5 uturutse ku nkingi z'amazamu, hacibwa imirongo yinjira naye mu kibuga ifite metere 16,5. Iye mironge ibili igira undi uyihuza kuburye nanone habeneka mpande enye. Umwanya ugizwe n'iyi mpande enye 16,5/16,5 m witwa irembe ry'izamu (surface de réparation).

Muli metere 11 uturutse mu cyeragati cya buli ruhanda rw'itsindiro, hashushanywa akamenyetse kiwa irasire ry'izamu (point de réparation). Kuli buli rembe ly'izamu, hashushanywa naho uruziga rufite akarambararo ka metere 15 uturutse mu irasire ry'izamu.

#### Abakinyi n'aho bakina.

Umupira w'amaguru ukinwa n'amakipe abili. Buli kipi liba liigizwe n'abantu 10, uwa 11 akaba umunyezamu. Iterere lishobera kugira abakinyi b'abasimbura. Aho ntibashobera gukinisha abarenze 2 mu mukine umwe. Gusimburana bigomba urukushya rw'umuyobezi w'umukine (arbitre) kandi usimbuwe a ntashubira mu kibuga.

Uko baba ari 11, abakinyi bagize ikipe ntibakina mu burye bw'akajagali. Umunyezamu wenyine aba ari mu izamu. Abandi 10 bagiyeye bakera amatsinda atatu. Hali abakinyi 4 begereye umunyezamu bakamufasha kulinda izamu (défense). Aho bajya bavugaga ko bakina mu ba kabili. Hali abakinyi batatu begereye wa murengo munini utambitse, ukagabanyamo ikibuga cyese mu kabili. Aho bakinyi akazi kabo ni ugusatira izamu ly'aho bahanganye bashakaga bagamiye kubatsinda (attaque). Aho niba bavugaga ko bakina mu ba gatatu. Hagati y'abakinyi bo muba kabili n'aho mu ba gatatu, hali nanone itsinda ry'abakinyi batatu. Bashinzwe guhereza umupira ah'imbere cyangwa inyuma yabo (distribution). Aho bakinyi batatu niba bitwaga nge bakina mu ba gatatu.

#### Imyambare y'abakinyi.

Kirazira ko umukinyi yambare cyangwa yitwaga ikintu cyashobereye gukome-  
retsa bagenzi be. Naho ubundi umuyobezi w'umukine ntashobereye gukina. Umunyezamu kugirango agaragare, imyambare ntashobereye n'iy'aho mu iterere rye.

#### Gusembura umukine.

Mbere y'uko umukine utangira, naho ubufinde bw'igiceli kugirango amatorere amenye ibipande akiniramo kandi hanagaragare ikipe isembura umukine. Ikipe ihiliye n'ubufinde niye ihitamo igipande cy'ikibuga ibanziliza gukiniramo naho iyindi kipe naye ikaba aliye isembura umukine.

Mbere y'uko umuyobezi w'umukine awutangira, umupira uba uhagaliye mu cyeragati cy'ikibuga, abakinyi nabo baba bali mu bipande byabo byibuzwe muli metere 9,15 uvuye ku mupira.

